**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RW' IBANZE RWA KICUKIRO.**

Umwaka wa 2023 umunsi wa Makumyabiri na kane w' ukwezi kwa Werurwe;

Twebwe **NYAKAYIRU Charles** umucamanza mu Rukiko Rw'Ibanze rwa Kicukiro, dufashijwe n'umwanditsi warwo **UWERA Olivia**;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rw'ibanze rwa Kicukiro bwaregeye Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro uwitwa **MBARUSHIMANA Vital** mwene NIYONSHUTI Ernest na MUKAGATANAZI Venancie, Utuye mu Mudugudu wa Gatorwa, Akagari ka Cyabararika, Umurenge wa Muhoza, Akarere ka Musanze, Intara y'amajyaruguru, Ufite irangamimerere: Washyingiwe, ID No: 1198480113644057 na Telephone No: +250788600616, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Gutanga sheki itazigamiye, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa Ingingo ya 126 y'itegeko N° 060/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga inyandiko zishobora gucuruzwa nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 05830/PPL KICU/2022/MRU/MN cyageze mu rukiko kikandikwa kuri RP/ECON 00082/2022/TB/KICU.

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 24/03/2023 saa 9h00 za mu gitondo ariko **MBARUSHIMANA Vital** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 10/10/2023 saa tatu za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **MBARUSHIMANA Vital** kwitaba Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro kuwa ***10/10/2023 saa tatu za mugitodo (9h00)***, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro no gutangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe I Kicukiro ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

**NYAKAYIRU Charles**
**Umucamanza**

**UWERA Olivia**
**Umwanditsi**